


Bungabunga umutima wawe wivuzza neza  
indwara ya

# GAPFURA



Agatabo kigisha abana ku ndwara y'umutima ikomoka kuri gapfura izwi nka "Rheumatic Fever/Rheumatic Heart Disease" mu cyongereza.

Bungabunga umutima wawe wivuzo neza  
indwara ya

# GAPFURA



Aka gatabo kigisha abana uko birinda indwara y'umutima ikomoka kuri gapfura izwi nka "Rheumatic Fever/Rheumatic Heart Disease" mu cyongereza.

Iyi mfashanyigisho yakozwe na TEAM HEART hifashishijwe igitabo cyakozwe na Edwards Lifesciences Foundation ku bufatanye na World Heart Federation.



Gasaro yari umwana uhora yishimye,  
agakunda gukina n'inshuti ze.




Umunsi umwe, Gasaro yumvise atameze neza, yamira akababara mu muhogo. Yari afite umuriro mwinshi, yafashwe n'indwara yitwa "gapfura".



Uramutse urwaye indwara ya gapfura nka Gasaro, wasaba ababyeyi bawe kukuvuza ku kigo nderabuzima kuko imiti ya kinyarwanda igira ingaruka mbi ku barwayi ba gapfura.



Ababyeyi ba Gasaro bamuhaye imiti ya Kinyarwanda ariko ntiyamukiza.




Hashize ibyumweru bibiri cyangwa bitatu, Gasaro yongeye kumva arwaye, agira n'umuriro mwinshi.





Gasaro yababaraga mu nkokora, mu mavi, mu bujana, no mu tugombambari kandi ashesha amabara atukura ku mubiri. Ntabwo bamujyanye ku kigo nderabuzima, ariko yagiye yoroherwa buhoro buhoro.



Uko Gasaro yagendaga akura ntiyari akibasha gukina n'inshuti ze.



kuko yahitaga ananirwa vuba cyane akanahumagira.



Hashize igihe Gasaro yaje kujya ku kigo nderabuzima. Bamupimye basanga umutima we warangiritse.




Gasaro azakenera guhora afata imiti y'indwara y'umutima ubuzima bwe bwose. Ashobora no kuzakenera kubagwa umutima, kugira ngo bavure utugingo two mu mutima bita "valves".



Kugira ngo utazagira ikibazo gikomeye nka Gasaro, nugira umuriro, ugatangira kubabara mu muhogo, no kunanirwa kumira, ujye ubwira ababyeyi cyangwa abakurera bakujyane kwivuza ku kigo nderabuzima.




Igihe urwaye ugatangira kubabara mu muhogo, no kunanirwa kumira, kandi ufite umuriro ntuzemere ko baguha imiti ya gakondo gusa.



Jya uzirikana iteka ko, igihe urwaye gapfura ugomba kujya ku kigo nderabuzima kugirango uhabwe imiti yabigenewe hakiri kare kandi ujye ufata imiti yose neza nk'uko muganga abigutegetse.





Nubyubahiriza, wowe n'inshuti zawe muzakura mufite ubuzima bwiza kandi burambye.

## Ubutumwa bw'ingenzi:

---



Indwara ya Gapfura  
itavuwe neza yakwangiza  
umutima wawe



Igihe cyose urwaye gapfura  
kandi ufite umuriro, jya  
wihutira kujya kwivuriza ku  
kigo nderabuzima



Fata imiti yose buri  
gihe nk'uko muganga  
yabigusabye

---

Iyi mfashanyigisho yakozwe na TEAM HEART hifashishijwe igitabo cyakozwe na Edwards Lifesciences Foundation ku bufatanye na World Heart Federation.